Uburyo bwo Gukura Ubuki Bwiza mu Bimamara



Brington Chitenje agemura ubuki NHPC muri Koperetive y'ubuki ahitwa Nkhata Bay. Hasi hari ubuki bw'I Bugande bwatoranijwe.

Andi mashusho yatanzwe na National Bee Unit (Fera)

Igitabo Cya 1 Cy'Ubuvumvu: Uburyo bwo Gukura Ubuki Bwiza mu Bimamara (© Author Pam Gregory, who offers this as her gift to beekeepers in developing countries)

Igihe urimo gukura ubuki mu bimamara, ukwiriye kuba ufite indobo ebyiri, umwenda ukamuza ufite isuku, uri n'ahantu inzuki zitagera.

Umwenda wo kuyunguruza

Buri kintu kigomba kuba gisukuye, cyane cyane intoki.

Ubuki buca muri wa mwenda usukuye ukabuyungurura. Igishashara gisigara mu mwenda.

Ikimamara

Ikimamara gikatemo uduce twinshi kugirango ubone uko ukuramo ubuki.

Noneho uyungururire mu yindi ndobo iriho umwenda usukuye.

Indobo iratwikiriye, igisigaye ni uko ubuki hafi ya bwose bukamuka bugashiramo. Ibitonyanga by'ubuki bisigaye mu mwenda bishobora kuvamo ari uko uwukamuye ukoresheje intoki. Ibiti bitandukanye bitanga ubuki bw'amabara atandukanye n'uburyohe butandukanye. Si byiza kuvanga ubuki butandukanyije uburyohe.

Abantu bafite imitiba myinshi bashobora gukura ubuki mu bimamara bakoresheje imashini ikamura ubuki.

Iyindi mashini ihendutse umuntu yakwifashisha ishobora gukorwa mu buryo bukurikira.

Icyo umuntu afata akamura

Igiti kiri imbere kimeze nk'uruziga nicyo gikamura

Indobo irimo ubusa ishyirwa hano kugirango ijyemo ubuki



Indobo y'icyuma ifite impande zigororotse inafite imyenge mu ndiba

Ishashi irimo ubuki ishyirwamo hano, munsi y'igiti gikamura

Indobo y'icyuma ifite impande zigororotse ifite imyenge mu ndiba. Indobo ishyirwa munsi kugirango ubuki bujyemo. Hari igiti gikoze nk'uruziga gikamura. Ikimamara gikamurwa gishyirwa mu mwenda cyangwa ishashi kigakamurwa gishyizwe munsi y'igikamuzo. Icyo umuntu afata gikoreshwa bagikoresha bagitsindagira ku ishashi irimo ikimamara kugirango ubuki buvemo.